REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kigali, 21 DEC 2016
N° 20/6607/MOH/2016

MINISITERI Y'UBUZIMA
PO BOX 84 KIGALI
www.moh.gov.rw

**Umuyobozi w'Ibitaro by'Akarere (bose)**
**Umuyobozi w'Ikigo nderabuzima (bose)**

**<u>Impamvu</u>: Amabwiriza ya Minisitiri w'ubuzima mu Gukurikirana ibikorwa byo kuboneza urubyaro mu mavuriro no ku midugudu**

**Bwana/Madamu Muyobozi,**

Mu rwego rwo kwegereza abaturage serivisi z'ubuzima, Minisiteri y'Ubuzima ikomeje gukangurira amavuliro n'abajyanama b'ubuzima gukomeza gushyira imbaraga mu gukangurira abaturarwanda kubyara abana bake bashoboye kurera mu rwego rwo kugabanya umuvudukuko ukabije w'ubwiyongere bw'abaturage utajyanye n'ubwiyongere bw'ubukungu bw'igihugu.

Dushingiye ku mabaruwa atandukanye y'abahagarariye Kiliziya Gatolika mu Rwanda yahagarikaga itangwa rya serivisi zo kuboneza urubyaro hakoreshejwe imiti mu mavuriro bagenzura, agahagarika kandi gukurikirana ibikorerwa ku mavuriro yunganira ibigo nderabuzima bagenzura no gukusanya imibare y'ibyakorewe mu bice bakoreramo (catchment area);

Dushingiye ku myanzuro yavuye mu biganiro byabaye hagati y'abahagarariye Kiliziya Gatolika mu Rwanda n'ubuyobozi bwa Minisiteri y'ubuzima, turasaba ubuyobozi bw'amavuliro muyobora ibi bikurikira :

- Amavuriro yose agomba kongera imbaraga mu gukangurira abaturage ibyiza byo kubyara abana bake bashoboye kwitaho, n'uko bashobora kubigeraho hakoreshejwe uburyo bwose buriho bwo kuboneza urubyaro, ibi bigakorerwa ahantu hose hatangirwa serivisi zinyuranye mu mavuriro (integration of services);
- Abajyanama b'ubuzima barasabwa gukomeza gutanga serivisi zo kuboneza urubyaro ku midugudu nkuko babihuguriwe ndetse bakongera imbaraga mu bukangurambaga ku midugudu urugo ku rugo;
- Ibigo nderabuzima birasabwa kugeza ku bajyanama b'ubuzima bahuguwe, ku buryo buhoraho, imiti n'ibikoresho byifashishwa mu gutanga serivisi zo kuboneza urubyaro: udukingirizo, ibinini, urushinge, urunigi n'uburyo buryo bemerewe gutanga;
- Amavuriro y'abihaye Imana adatanga serivisi zo kuboneza urubyaro hakoreshejwe imiti, arasabwa gutanga inyigisho ku buryo bwose bwo kuboneza urubyaro bwemewe mu Rwanda,

guhugura abakozi ku itangwa rya serivisi zo kuboneza urubyaro hakoreshejwe uburyo bwose bwemewe mu Rwanda, kuzana imiti n'ibindi bikoresho byifashishwa mu gutanga serivisi zo kuboneza urubyaro no kubigeza aho bikoresherezwa ( ni ukuvuga ku bigo byunganira Ibigo nderabuzima "Secondary Health Posts" no ku bajyanama b'ubuzima), gukusanya raporo z'ibyakorewe ku midugudu no kuri « Secondary Health Posts » zikinjizwa buri kwezi muri gahunda y'ikusanyamakuru y'ubuzima (HMIS);

- Ibitaro bigomba kugena umukozi uhoraho wabihuguriwe ushinzwe gukurikirana gahunda yo kuboneza urubyaro kandi agashingwa gutanga serivisi zo kuboneza urubyaro muri buri bitaro ku buryo buhoraho;
- Ibitaro bigomba kandi gukurikirana no kugenzura imibare ya raporo ziturka mu bigo nderabuzima byose bibarizwa mu mbago zabyo (catchment area) ndetse n'ibikorwa by'abajyanama b'ubuzima ku midugudu;
- Ibitaro n'ibigo nderabuzima barakangurirwa gutegura igenamigambi (plan) ryo kumanuka ku rwego rwo hasi kugenzura (supervision) no kwigisha ku buryo buhoraho (mentorship) abashinzwe gutanga uburyo bwo kuboneza urubyaro. Iryo genamigambi rikagezwa ku kigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima (RBC) bitarenze tariki ya 10 Mutarama 2017.

Aya mabwiriza agomba gutangira kubahirizwa akimara gushyirwaho umukono.

Mugire amahoro.

**Dr. Diane GASHUMBA**
**Minisitiri w'Ubuzima**

**<u>Bimenyeshejwe:</u>**

- Umunyamabanga wa Leta ushinzwe ubuzima rusange n'ubuvuzi bw'ibanze.
- Umunyamabanga uhoraho muri Minisiteri y'ubuzima
- Umuyobozi mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuzima- RBC
- Umukuru w'Intara (bose)
- Umuyobozi w'Ibitaro (bose).